# *“GUTABAZA YESU MUBYO DUKENEYE BYIHUTIRWA!”*

***Icyumweru cya 14 - Iminsi 100 y’amasengesho***

***26 Kamena2020 - 4 Nyakanga 2020***

## *“TUZI UKO INKURU IRANGIRA”*

**Byateguwe na**: Mark Finley

Imwe mu mpamvu nyamukuru ituma tutagomba kubaho mu bwoba, guheranwa n’agahinda, guhangayika ndetse n’intimba zo muri ubu buzima ni uko tuzi uko inkuru irangira.Tuzi ko indwara atari zo zigira ijambo rya nyuma; rigirwa na Kristo wenyine.Habayeho coronavirusi cyangwa izindi virusi zose zibaho, ibiza, ibyago cyangwa intambara kirimbuzi; nyamara ibyo byose ntibizatsemba ubuzima bwose ku isi.Dufite isezerano ridakuka ryo kugaruka kwa Yesu.Turabona inzara ziriho. Turabona imitingito. Turabona guhangayika kw’amahanga. Turabona gututumba kw’intambara zikoresha ibitwaro bya kirimbuzi. Turabona uko intambara zikoresha intwaro z’uburozi zitsemba ibintu byinshi. Turabona imihindagurikire y’ikirere. Turabona uko ibyorezo bihitana ubuzima bw’abantu ibihumbi n’ibihumbi.Turabona ibi bintu byose; ariko dufite ibyiringiro bidushoboza gutera imbere mu bihe bikomeye byo muri ubu buzima.

Hariho ibyiringiro dufite bitubashisha kubinyuramo.Twasomye ibice bya nyuma bya Bibiliya. Tuzi uko inkuru irangira. Mu Byahishuwe 21 umurongo wa 4 n'uwa 5, Yohana yaranditse ati: "Izahanagura amarira yose ku maso yabo kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi kuko ibya mbere bishize. Iyicara kuri ya ntebe iravuga iti: “Dore byose ndabihindura bishya” Kimwe n’intumwa Pawulo yaravuze iti “Dutegereje

ibyiringiro by’umugisha, aribyo kuzaboneka k’ubwiza bwa Yesu Kristo.” (**Tito 2:13)**

Turi Abadiventiste b’umunsi wa kalindwi kandi ntitwibagiwe umurage wacu. Kristo agiye kugaruka kandi araza vuba. Niba dutakaje icyerekezo cyacu cyo kugaruka kwe, tuzatakaza ibyiringiro. Turi Abadiventiste.Turareba hirya y’ibiriho tukabona uko bizamera. Turarenza amaso yacu iby’uyu munsi kukareba neza iby’ejo hazaza. Turareba hirya y’izi ndwara duhura nazo tukahabona ubuzima.Hirya y’ibi byorezo bikwira ahantu hose byahindanije iki kirere turahabona umwuka mwiza.

Muri ibi biza bigenda byiyongera, imidugararo ya politiki, ibibazo mu by’ubukungu, kimwe n’ibyorezo byayogoje isi, tubonamo ibimenyetso byo kugaruka k’Umwami wacu nubwo Imana atariyo nyirabayazana w’ibibi.Iraduhamagarira rwose kwishingikiriza kuri yo mu buryo bwuzuye. Kristo araduhamagarira ku jya ku mavi, akaduhamagarira kugira imibereho yo gusenga mu buryo bwimbitse ndetse no kwimenyereza kwiga ijambo ry’Imana. Kristo aduhishurira ko nta kintu na kimwe tutabasha gusobanukirwa muri iyi si tubamo. Kristo niwe byiringiro byacu. Niwe mahoro yacu. Ni Umukiza wacu.Ni Umucunguzi wacu.Niwe utubatura.Azaza ari Umwami.

Mbese iyi virusi ikora iki iyo tubonye uko ikwirakwira ahantu hose kandi vuba? Iduhamagarira gukanguka.

Iyi si ntisoreza ku biyiriho gusa.Ni ko Kristo abwira wowe nanjye.Ubuzima bwa hano ku isi bwangirika mu buryo bworoshye. Buri wese muri twe aba muri iyi si afite umubiri wangirika ubusa; ariko hirya yawo, hariho ikintu kirushijeho kuba cyiza tugiye kuzabona-Ni ‘ikuzo rya Kristo uzaza mu bwiza bwe’.Haleluya. Hari ikintu cy’igiciro cyinshi cy’ubuzima buzabaho hirya y’ubu dufite kuri iyi si. Uwo ni Yesu Kristo. Mbese ntiwamwemerera agataha mu mutima wawe, kugira ngo

agukuremo ubwoba, akongerere imbaraga mu byemezo byawe no kugufasha mu kwitegura kugaruka kwe?

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Wabonye ibyiringiro bidasanzwe dufite nk'abizera b'Abadiventiste? Urabona ukuntu nta kintu na kimwe kuri iyi isi gishobora kudusunika kikatugusha mu gihe cyose duhanze amaso Kristo n'amasezerano ye ndetse no mu gihe tunyura muri iki cyorezo kandi umunsi ku munsi dufite ibyiringiro byuzuye by'amasezerano akomeye y'Imana y'ibyishimo bidashira, umunezero n'amahoro?

## IMBOGAMIZI TUGOMBA KUZIRIKANA

Uyu munsi fata igihe maze ushake mu byanditswe byera ibyerekeranye n'ibyiringiro bikomeye byo kugaruka kwa kabiri kwa Yesu n'amasezerano yerekeranye n'ijuru rishya n'isi nshya. Toranya mo imirongo mike uyifate mu mutwe kandi ureke ukuri kw'ubugwaneza bw'Imana n'urukundo igukunda bitume ugira ibyiringiro, umunezero no kwizera muri Yesu mu minsi yo kubaho kwawe."Kandi mu bihe bidashira, uko imyaka ihita indi igataha, niko abacunguwe bazarushaho kubona amahishurwa y'ubwiza bw'Imana na Kristo. Uko ubumenyi buzakomeza kugwira, niko n'urukundo, kubaha Imana n'umunezero bizakomeza kugwira. Uko abacunguwe bazarushaho kwiga kumenya Imana, niko bazakomeza gutangazwa n'imico yayo.

Nk'uko Kristo azajya arushaho guhishurira intore ze ibanga ryo gucungurwa n'intsinzi byabo mu ntambara ikomeye yarwanye na Satani, niko imitima yabo izarushaho gusimbagizwa n'urukundo.Umunezero ukomeye uzabatera gufata inanga zabo z'izahabu maze abacunguwe ibihumbi cumi ka bihumbi icumi

n’ibihumbi ka bihumbi bahanikire rimwe amajwi yabo baririmba indirimbo yo gusingiza.

“Maze numva ibyaremwe byose biri mu ijuru no ku isi n’ikuzimu no mu Nyanja, mbese ibyaho byose uko bingana bigira biti: “Iyicaye kuri ya ntebe ya cyami hamwe n’Umwana w’intama, nibahorane ibisingizo, icyubahiro, ikuzo n’ububasha iteka ryose.”

Intambara ikomeye irarangiye. Icyaha n’abanyabyaha ntibazongera kubaho ukundi. Ijuru ryose n’isi yose birejejwe. Umunezero usaba imitima y’ibyaremwe byose. Imigezi y’ubugingo, umucyo n’umunezero bitemba bituruka ku Muremyi bisendera hose. Guhera ku kanyabuzima gatoya kadashobora kuboneshwa ijisho ukageza ku isi irusha izindi ubunini, ibyaremwe byose, ibihumeka n’ibidahumeka, mu bwiza bwabyo busesuye no mu munezero wabyo uhoraho, bitangaza ko Imana ari urukundo.” **(Intambara ikomeye, p. 472-473)**

# Umunsi wa 92 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatandatu w’isabato, 26 Kamena 2020

## RAPORO ZO GUSHIMA

**Diviziyo y’amajyepfo y’Aziya-Pasifika**: Turashimira Imana ko binyuze muri iyi gahunda y’amasengesho y’iminsi 100,ingabo zirenga 5,000 ziyandikishije kandi zifatanya n’abandi bantu benshi(muri bo abenshi bakaba ari urubyiruko)bashyiraho ihuriro ry’amasengesho.Hashyizweho kandi hanemezwa gahunda y’amasengesho y’urubyiruko yo gusabira umurimo.

• **Gahunda zo gutanga n’umurage**: Turashimira Imana uburyo abizera b’Adiventiste b’umunsi wa kalindwi bakiranukiye Imana muri iki gihe cy’icyorezo

cya covid-19. Kuva taliki ya 11 Werurwe 2020 abizera bakiranuka batanze amadolari arenga 1,000,000 y'impano zari ziteganijwe kandi bazatanga andi mafaranga yo gushyigikira umurimo w'itorero ry'abadiventiste b'umunsi wa kalindwi ku isi yose.

• Twakiriye raporo z'umubatizo w'abantu amagana menshi nk'umusaruro w'iminsi 100 yo gusenga. Turashimira Imana umuntu wese wasengeye amavuna kugira ngo agende neza. Imana ihabwe icyubahiro!

• **Umubwiririshabutumwa ibitabo ukomoka muri Tanzaniya** yaravuze ati: Imana yankoreye igitangaza mu minsi 100 y'amasengesho. Nasenze nsaba Imana ko yampuza n'umuntu kugira ngo muhe ibyigisho bya Bibiliya. Nyuma y'iminsi ibiri, umudamu wari uturutse ahantu hareshya na kilometero 7, yaje iwanjye mu rugo arambwira ati: "Wangurishije ibitabo.Narabisomye mbonamo ukuri.Naje iwawe kugira ngo nkomeze kwiga". Dukomeje kujya mbere mu kwiga ibyigisho bya Bibiliya kandi uyu mudamu yiteguye kwegurira ubugingo bwe Yesu. Imana yasubije isengesho ryanjye!

• Umuntu utari umudiventiste yifatanije n'umuryango w'Abadiventiste b'umunsi wa kalindwi muri iki gihe cya guma mu rugo. Uwo muryango witabiriye amasengesho y'iminsi 100 yo gusenga. Uyu musore yababwiye ko gusenga ari uguta igihe. Nyuma gato yo gufatwa na COVID-19 yajyanywe ahandi hantu kugira ngo ashyirwe mu kato, aho yagize impinduka mu mutima kandi ashishikariza abantu gusenga nk'Abadiventisiti.Yari yarabanye nabo mbere. We n'abantu bose bari kumwe mu buryo bw'igitangaza barakize. We n'undi muntu biyemeje kwiyegurira Imana babatizwa mu mubatizo wo ku italiki ya 14 Kamena!

**IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusabira Lenogisi. Ni umuhungu w'imyaka itandatu. Nta mitsi ituma akomera afite mu mubiri we. Imboni zo mu maso ye zataye ubushobozi kandi ashobora guhuma.Yakuze mu gihagararo birenze urugero kandi afite n'umutima ubyimbye.Sabira abana bose barwaye bo ku isi yose.
2. Gusabira amajyaruguru y'uburasirazuba bw'Ubuhinde ndetse n'ibindi bice byo hirya no hino ku isi aho icyorezo cya covid-19 cyongeye kwiyongera.
3. Gusabira abana bo mu miryango y'Abadiventiste bateshutse inzira y'agakiza cyangwa bari mu gihirahiro no kwigomeka.
4. Gusabira abantu bigaragara ko biyemeje kujya mu murimo igihe cyose. Basabire kugira ngo bakire umucyo w'umuhamagaro wabo kandi inzitizi iyo ariyo yose yaboneka ikurweho.

# Umunsi wa 93 - KWIBANDA KU MASENGESHO – KU ISABATO, 27 KAMENA 2020

## Nzajya..... mu muryango wanjye.

"Ariko niba umuntu adatunga abe cyane cyane abo mu rugo rwe, aba yihakanye ibyizerwa kandi aba abaye mubi hanyuma y'utizera" (1 Timoteyo 5:8)

". . . . Ukwiriye gukomeza gukiranuka, ugashikama kandi ugafata icyemezo cyo gukora inshingano yawe mu muryango wawe, ukajyana n'ab'umuryango wawe mu nzira wahisemo.Ntukwiriye guhwema kubararikira kujyana nawe mu rugendo wiyemeje rugana mu ijuru. "**(Adventist Home, p. 352.)**

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Twese dufite abo mu muryango wa hafi cyangwa mugari batarakundana na Kristo. Bamwe bahitamo kubana na we mu budahemuka cyangwa bagiye kure y'Imana. Birashoboka ko bamwe ari abahakanamana cyangwa bafite izindi mpamvu zabo bwite mu gufata icyemezo cyabo cyangwa birashoboka ko batigeze bagira amahirwe yo kumva byuzuye, gusobanukirwa no kubona ubutumwa bwiza mu magambo no mu bikorwa.

Ufite inshingano zo gukora ibishoboka byose mu bushobozi bwawe bwo kwitonda, ubugwaneza, ubwenge bwinshi n'urukundo kugira ngo ubashe kugera ku bagize iyo miryango, ubereka ko ubitayeho kandi mu gihe gikwiriye ukabereka ukuri n'urukundo bya Yesu.

Mbese ntiwakora kandi ugasengera uyu murimo w'ingirakamaro wo gufasha aba bantu batizera /abatari abadiventiste /n'abagize iyo miryango basubiye inyuma? Ukitanga kurushaho kugira ngo ubinjize mu murimo urushaho kubaba bugufi.

## RAPORO ZO GUSHIMIRA

• Icyiciro cy'umuryango mu nteko nkuru rusange: Mu gihe cya COVID-19 ku isi yose, umunsi w'ubukwe & umunsi w'amasengesho mu miryango itabarika ku isi yose yagize amateraniro y'amasengesho ijoro ryose kugira ngo Imana ikize ingo zabo no gukomeza umushyikirano w'abagize umuryango.Habaye ibitangaza byinshi by'ubukwe byahinduye kandi bigarura amahoro mu miryango myinshi yari ifitanye amakimbirane, impagarara, guhangayika no kwiheba.

• Nancy M. (Soma: Nansi M) yaravuze ati: Imana yakijije umuryango w’umukobwa wanjye COVID-19 muri iki gihe cy’iminsi 100 y’amasengesho kandi inashimangira umubano mu mibanire y’umuryango wanjye.

• Nelda M. (Soma: Nelida M.) yaravuze ati: Umunsi wo ku isabato ya 13 Kamena, wabaye umunsi wo gusenga bwa mbere bakimara kudufungurira. Mu ndirimbo twatangije ''Wibuke isabato'' benshi muri twe twarize amarira y’ibyishimo kandi twagize umushyitsi utunguranye wadusuye aturutse ku muhanda dutuyeho aza guterana natwe.Yavuze ko yumva neza ijambo ry'Imana.Arikurikira kuri Radio Ibyiringiro kandi yiteguye kwakira Yesu Kristo nk'Umukiza we bwite. Imana ishimwe!

• Hopewell M (Soma: Hopeweli M.)Yaravuze ati: Mu gihe cy’iminsi 100 y’amasengesho abantu barenga 20,000 muri Zimbabwe babwirijwe ubutumwa hakoreshejwe telefone ngendanwa no kuvuga ubutumwa bakoresheje ikoranabuhanga kandi benshi bategereje kubatizwa.

• Umuyobozi w'itorero: Mu gihe cya guma mu rugo, itorero ryacu ryakiranukiye Imana kandi ryagaruriye Imana ijanisha rya 143% by’intego itorero ryari rifite.

## IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira umuryango wawe wa bugufi ndetse n’uwagutse. Basabire kugira ngo babone agakiza kandi babone amahirwe yo kubahamiriza kwizera kwawe, ijambo ry'Imana n'urukundo rwa Kristo.
2. Gusabira umurimo w’itangazamakuru ry'Abadiventiste b’umunsi wa kalindwi udahwema kwamamaza ubutumwa bwiza ku isi.Basabire kugira ngo bazabone umusaruro mwinshi w’abiyegurira Kristo Yesu.

3. Gusabira abayobozi b’ibikorwa biharanira inyungu bafata ibyemezo bikomeye bigira ingaruka ku mibereho y’abakozi babo muri iki gihe cy’icyorezo cya covid-19.
4. Gusabira Matayo, umugabo urwana n'ibiyobyabwenge, utagira aho aba kandi ufite iminyururu imubuza gutera intambwe mu nzira imuzamura ikamugeza kuri Yesu. Musabire kugira ngo aze mu itorero.Sabira kandi abantu bose b’igiciro bari mu bubata bwa Satani.

# Umunsi wa 94 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa mbere wa sabato, 28 Kamena 2020

## Nzajya… Ku baturanyi banjye

“Irya kabiri ngiri: “Ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda”Nta rindi tegeko rirusha ayo gukomera. (Mariko 12:31)

“Igikorwa cy’ibanze abakristo basabwa gukora ni ukunga ubumwe mu muryango. Nyuma y’icyo gikorwa, umurimo wabo uraguka ukagera ku baturanyi babo babegereye n’abari kure. Abamaze kwakira umucyo bagomba kureka ukamurika imirasire yawo irabagirana. Amagambo yabo yuzuye impumuro y’urukundo rwa Kristo akwiriye kuba “impumuro y’ubugingo izana ubugingo”**(2 Abakorinto 2:16)**”

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Yesu azi neza uko ufasha abantu bakaba bagira ibyo bakwigiraho. Azi umuntu wese muhuye. Ni inshingano zacu kugeza ubutumwa ku baturanyi bacu ndetse no ku batuye mu bihugu bya Kure. Dufite amahirwe yo gusabana nabo no kubabera urumuri.Ibi bigomba kugera kure bikarenga uko inshuti imwenyurira mugenzi wayo cyangwa uko bahura bakagira ibiganiro bito. Bazamenya ukuri gute niba ntawukubagejejeho kandi ngo akubereke?

Mbese ntiwasengera kubona agahe ko kubaka ubucuti n’abo mubana hagamijwe kubahamiriza ibyerekeranye n’ urukundo rwa Yesu? Niba utazi abaturanyi bawe, ntiwari ukwiye gutera intambwe ukajya kubo muturanye hanyuma ukabibwira? Waba witeguye kwitangira umurimo w’ingenzi kugeza ubutumwa bwiza ku baturanyi bawe?

## RAPORO ZO GUSHIMA

• Jon R. yaravuze ati: Icyorezo cyatumye amatorero yacu uko ari atatu yo mu karere kacu ashyira hamwe ubwo twahuzwaga n’umurongo wa interinete mu masengesho ya buri munsi mu minsi 100 y’amasengesho. Turashima Imana.Imitima yacu yahurijwe hamwe kandi n’umurimo urajya mbere kuruta ibihe byashize.

• Jackie N. (Soma: Jaki N.) yaravuze ati: Ndashimira Imana! Twari abantu barenga 20 mu muryango umwe mu gihe cya guma mu rugo ariko nshobora guhamya ko tutigeze twicwa n’inzara kandi nta n’umwe warwaye!

• Aldo N. (Soma: Aludo N.) yaravuze ati: Mu gihe cy’iminsi 100 y’amasengesho nize gusenga nciye bugufi. Kubera iyo mpamvu Imana yaduhaye imigisha kandi umugore wanjye utari warigeze abyara ubu yarasamye aratwite!

• N.J. yaravuze ati: Jye na mama twasengaga buri munsi saa kumi n'imwe za mu gitondo na saa kumi n'ebyiri za nimugoroba kugira ngo data w'imyaka 88 na mushiki wanjye biyunge. Imana ishimwe kuko bombi barasuwe kandi bamaze kwiyunga.

• Gloria (Goloriya) yaravuze ati: Nashoboye gukorera umurimo umuturanyi wanjye tugabana ibyapa n'amahame y’Imana agenga ubuzima. Imana yambashishije kugera ku bo duturanye none mfitanye umushyikirano usesuye nabo.

## IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira abaturanyi bawe ba bugufi n’abari kure.Saba Imana kugira ngo ibahuze, ibafashe no kugirana ubucuti n’abaturanyi bawe kugira ngo ubamurikire urumuri rukomoka kuri Yesu mu buzima bwabo.
2. Gusabira ikigo giteka ibyo kurya cyitwa ibyiringiro bivuguruye cyo muri Parike ya Ovalandi ho muri Kansasi. Basangira ibyo kurya.Batera umwete n'ibyiringiro ku miryango igera kuri 600 (abantu 2,500 kugeza 3,000) buri cyumweru kandi batanze ibyigisho bya Bibiriya birenga 2,000 n’ibitabo byo kugana Yesu biri mu rurimi rw’icyongereza no mu cyesipanyoli. Sabira ibigo byose hamwe n’ibikorwa rusange biteza imbere umurimo w’itorero ryacu ku isi yose.
3. Gusabira abantu bose biyemeje gukora umurimo w’Imana bifashishije umurongo w’imbuga nkoranyambaga, videwo n'imbuga zikoreshwa biga ibyigisho bya Bibiliya. Senga kugira ngo hazaboneke umusaruro mwinshi!
4. Gusabira abashakanye bari hafi yo gutandukana. Saba Imana ibafashe kugira ngo babone ibisubizo mu mibanire yabo.Basabire bahane imbabazi n’urukundo rwa Kristo rukangure imitima yabo bakundane.
5. Gusabira umurimo w’itorero ry’abadiventisiti mu Rwanda, Sabira amafilidi n’amatorero yose kugira ngo abashe kugera tu ntego bihaye kandi duharanira kugira ubushake bwo guteza imbere umurimo w’Imana. Tuba abizera bakiranuka.

# Umunsi 95 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa Kabiri w'isabato, 29 Kamena 2020

## Nzajya… Ku Nshuti zanjye.

"Nta wufite urukundo ruruta urw'umuntu upfira inshuti ze" - Yohana 15:13

"Buri mwizera wese mu bagize itorero yumva ko ari inshingano ze zidasanzwe zo gufasha abantu b'aho atuye. Iga uburyo ushobora gufasha neza abantu badashishikajwe n'ibyerekeranye n'idini. Mu gihe usura inshuti zawe n'abaturanyi, garagaza ko ushishikariye kugira ngo bagire imibereho y'iby'umwuka mu buzima bwabo bw'igihe gito. Bereke Kristo nk'Umukiza ubabarira ibyaha. Rarikira abaturanyi bawe kuza mu rugo rwawe kandi musome muri Bibiliya y'igiciro no mu bitabo bisobanura ukuri kwayo. Ikindi bazahuzwa n'indirimbo zoroheje n'amasengesho avuye ku mutima bizabakora ku mitima yabo. Reka abizera b'itorero bige gukora uyu murimo. Ibi ni ingenzi mu guharanira ko ubugingo buri mu mwijima bubonera agakiza ku bantu bose bari mu bihugu by'amahanga. Mu gihe bamwe bumva bafite umutwaro w'ubugingo bwahabiye kure, reka benshi bari mu ngo zabo bumve ko bafite umutwaro wo guhangayikishwa n'ubugingo bw'igiciro bubakikije kandi bakorane umwete kugira ngo babone agakiza."

**(Ubuhamya, Vol. 6, p. 276)**

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Yesu, wowe na njye atubona nk'inshuti ze. Mbega igitekerezo cyiza! Yemeye gutanga ubugingo bwe kugira ngo tubone agakiza ndetse yaranatwitangiye nubwo kwakira impano ye atari ihame ahubwo ni amahitamo.

Mbese ufite inshuti zawe zitaramenya Yesu? Byanashoboka ko wagize ubwoba bwo kumubamenyesha kubera ko utinya gutakaza ubucuti bwawe!

Niba Yesu yaragize ubushake bwo gutanga ubugingo bwe; yego yemeye gutanga icyo afite cyose kugira ngo akize inshuti ze.Mbese ntidukwiriye gukora ibishoboka byose kugira ngo dushishikarize inshuti zacu kugana inzira yo gukiranuka kugira ngo bagendane na Yesu?

Saba Imana mu masengesho uburyo wageza ubutumwa bwiza ku nshuti zawe.Saba Imana iguhe umwanya wo guhamiriza abandi kwizera kwawe, urukundo rwa Yesu, n'uburyo bashobora kubona ubuntu bukiza bukomoka ku Mana!

## RAPORO ZO GUSHIMA

• Anonymous (Soma: Anonimasi) yaravuze ati: Icyorezo cya Coronavirusi cyaduhumuye amaso bituma tubona ko turi hafi yo kugaruka kwa Yesu. Turashima Imana kubw'iminsi 100 y'amasengesho. Ubu turasenga cyane nk' umuryango. Umunsi umwe muri Gicurasi twagize impanuka iteye ubwoba ku buryo twakagombye kuba twarakomeretse bikomeye ariko turashima Imana ko twese twavuyemo nta nkomyi! Uwo munsi twari twasenze kabiri mu rugendo rwacu. Imana ni iyo kwizerwa!

• Rusi A. yaravuze ati: Nasenze nsaba Imana ngo impe umwanya wo guhamiriza umuturanyi wanjye kandi yarankinguriye kugira ngo dusangire agakiza kabonerwa muri Kristo. Ararwaye ariko yatangiye kwizera Imana!

Ibiro bya Diviziyo y' amajyepfo ya Pasifika: Amasengesho abiri twasenze dusabira abarwayi bafashwe na COVID-19 yasubijwe neza. Abagabo babiri bari barwaye bikomeye cyane bamerewe nabi cyane ariko kubw'igitangaza gusa byatumye bagarura ubuzima.  Abo bagabo bombi ubu barakize!

• Alicia S (Soma: Alisiya S): Ndashimira Imana kubw'iminsi 100 y'amasengesho kuko binyuze muri yo yampishuriye ibyaha byanjye byose bitaraturwa.Kimwe cyari ukwikunda, ikindi kwihugiraho kuko wasangaga nita ku bibazo byanjye gusa. Nasengaga buri munsi nsengera abandi kugira mbashe gukuza muri jye umuco wo kwita ku bandi no kugira umutima wuje urukundo.

• Lo R.: Nasenze cyane mbikuye ku mutima nsabira umuntu kugira ngo mugezeho inkuru y'agakiza kabonerwa muri Yesu. Nasenze nsaba ko hagira umuntu ugira ikibazo ambaza abikuye ku mutima. Uyu munsi nasuye umuntu ukora umurimo umuzanira inyungu maze uyu mudamu ambaza niba mfite udupapuro twanditseho ubutumwa mbasha kumugezaho. Navuze ko mfite Toni. Namuhaye igitabo cyitwa kugana Yesu, mwaka nimero ye ya telephone kandi mfite ibyiringiro byinshi. Ni ubwa mbere nizeye Imana muri ubu buryo.

## IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira inshuti zawe zitari abizera. Saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo kubagezaho ubutumwa bwiza mu gihe gikwiye.
2. Gusabira abantu bafite ibibazo byo mu mutwe, bumva ko bari bonyine, bahangayitse, kandi batishoboye.
3. Gusabira itorero ry' i Toronto muri Canada ryateguriye cyane cyane kubafite ubumuga bwo kutabona, ritanga ahantu heza ho gusengera no kubaka ubucuti. Sabira uyu murimo kugira ngo ukure ujya mbere kandi ubashe kugera ahantu henshi.
4. Gusabira abakuru b'amatorero bose, abapasitori ndetse n'abayobozi b'amakonferanse/Filidi, aba iniyo, aba Diviziyo n'abayobozi n'abakozi b'inteko nkuru rusange y'itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa kalindwi. Saba Imana ngo ibahe ubwenge kugira ngo babashe gukora neza umurimo w'Imana.

# Umunsi wa 96 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatatu w'isabato, 30 Kamena 2020

## Nzajya… Kubo dukorana.

"Nshingiye ku mucyo Imana yampaye, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahere ko bahimbaze so wo mu ijuru." Matayo 5:16

"Nkurikije umucyo Imana yampaye, nzi ko umurimo wayo uyu munsi ukeneye cyane abawuhagarariye bazima bazi ukuri kwa Bibiliya. Abagabura bejejwe bonyine ntabwo bahagije bonyine muri uyu murimo. Imana ntabwo ihamagarira abagabura gusa, ahubwo ihamagara n' abaganga, abaforomo, abigisha ba Bibiliya n'abandi bantu biyeguriye Imana bafite impano zinyuranye, bafite ubumenyi bw'ukuri kw'iki gihe, kugira ngo basuzume ibikenewe byatuma ubutumwa bugera mu mijyi. Hagomba kubaho abizera ijana bitabira cyane umurimo w'ubumisiyoneri aho ubu hariho umwe gusa. Igihe kirahita vuba. Hariho byinshi byo gukora mbere yuko satani wigometse afunga inzira. Buri kigo kigomba kujya mu murimo, kugira ngo iki gihe dufite muri iki gihe tubashe kugikoresha neza umurimo urusheho kujya mbere. **" (Ministry to the Cities, p. 108)**

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Igihe cyose ugiye ku kazi uba wubahiriza inshingano wahamagariwe. Imana yari izi ko uzaba uhari mbere yuko uvuka kandi uramutse uretse Imana igakorera muri wowe izagukoresha mu kuyobora abo mukorana ku musaraba.

Mbese ntiwasaba Yesu uwo ukwiye guhamya aho ukorera? Ntiwatangira gusengera abo mukorana bose ubavuga mu mazina no kwinginga Imana ngo iguhe ibihe byo kubamenyesha Kristo?

## RAPORO ZO KWISHIMIRA

Diviziyo ihuza leta za Amerika: Muri Guatemala umwe mu bizera b'itorero yashyizeho gahunda yo kwigisha ibyigisho bya Bibiliya binyuze ku rubuga rwa interineti bituma umucamanza w'urukiko rw'ikirenga rwa Kwezaritenango abatizwa. Amavuna y'ivugabutumwa yo muri iniyo yo mu burengerazuba bwa Venezuwela yakozwe bakoresheje uburyo bwa interineti yatanze umusaruro ungana n'abantu 396 bemeye kubatizwa harimo abapasitori n'abandi bantu bo mu yandi madini!

• Twakiriye raporo zitabarika z'amatorero, imiryango, abashakanyen'abantu ku giti cyabo bagize ibihe by'ububyutse, gukira indwara, ibihe byo gukora umurimo w'Imana no kubona imigisha yayo idasanzwe mu minsi 100 y'amasengesho. Yaduhaye imigisha myinshi utarondora!

• Beverly T. (Beveli T.) yaravuze ati: Tuzakomeza gusenga nk'itsinda na nyuma y'iminsi ijana y'amasengesho nirangira!

• Marlene M. (Marilene M.) Yaravuze ati: Mushiki wanjye n'umugabo we bakora mu bwato butwara abagenzi kandi bamarayo ibyumweru byinshi. Nagize ibihe byo kumusengera kandi niyiriza ubusa. Nashoboye kwigana nawe ibyanditswe byera muri iki gihe giteye ubwoba kandi yagize ibyiringiro byatumye akanguka kandi akurikirana amateraniro y'ivugabutumwa yatambukaga kuri Radiyo y'abadventisite ku isi. Nyuma yaje gufata icyemezo cyo kubatizwa!

• Lillian K. (Liliyane K.) Yaravuze ati: Kuva Iminsi 100 y'amasengesho yatangira, nakoresheje igihe cyanjye mu masengesho aho kugira ngo mfate ifunguro rya sasita

ndi ku kazi.Umusaruro wabonetsemo ni uko nakize indwara kandi ibiruhuko byanjye bya saa sita byambereye ibihe bidasanzwe byo kwibanira na Yesu.

## IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira abo mukorana. Sabira ubuzima bwawe, ibyo uvuga n'ibikorwa byawe ngo bibe ubuhamya bw'uko Yesu wamwakiriye mu mutima wawe. Saba Imana ngo ikwereke abakozi mukorana biteguye kwiga byinshi ku byerekeye Imana.
2. Gusabira abajya batera inkunga umurimo w'itorero ry'Abadiventiste b’umunsi wa kalindwi. Saba Imana ngo ibahire mu mbaraga zabo bakoresha kugira ngo bateze imbere umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Saba Imana ngo ihe ubwenge abayobozi babo n'abakozi babo kandi ibahe ibyo bakeneye byose mu bikorwa byabo.
3. Gusabira inama y’inteko rusange izaba mu 2021.Sabira icyerekezo gisobanutse cy’ubutumwa bw’itorero ry’Abadiventiste b'umunsi wa kalindwi. Senga kugira ngo amatora yose no gushyiraho abayobozi binyuze mu nama y’inteko rusange muri Gicurasi 2021 hamwe n’abandi bose basigaye bizabe bikurikije ubushake bw’Uwiteka kugira ngo arangize bikomeye kandi bidatinze imirimo ye ku isi kandi azagaruke vuba.
4. Gusabira imiryango y’abatandukanye n'abantu ku giti cyabo bagumye mu mahanga kubera icyorezo cya covid-19 na gahunda ya guma mu rugo.Saba kugira ngo bashobore gukoresha iki gihe kitoroshye kugira ngo bamurike umucyo ukomoka kuri Kristo aho bari hose.

# Umunsi wa 97 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa kane w'isabato 1 Nyakanga 2020

## Nzajya…… ku banyeshuri twigana.

"Erega ubutumwa bwiza ntibunkoza isoni: Kuko ari imbaraga y'Imana ihesha uwizera wese gukizwa…" **(Abaroma 1:16)**

"Garagaza idini yawe mu buzima bwawe bwo mu ishuri, aho ucumbika no mu byo ujyamo byose." (**Ubutumwa ku Basore, p. 27)**.

"[Satani] Azi neza ko nta rindi tsinda rishobora gukora ibikorwa byiza bihwanye n'ibyo abahungu n'abakobwa biyeguriye Imana bakora. Abasore baramutse batunganye, bateza impinduka zikomeye cyane. Ababwiriza cyangwa abalayiki bageze muzabukuru ntibashobora no guteza mu bakiri bato impinduka zingana na kimwe cya kabiri cy'izo abasore biyeguriye Imana bashobora guteza muri bagenzi babo. Bagomba kumva ko hari inshingano bafite yo gukora ibyo bashoboye byose kugira ngo bakize bagenzi babo ndetse bakaba bahara n'ibibanezeza n'ibyifuzo bya kamere yabo. Niba igihe ndetse n'ubushobozi bisabwa, ibyo bikwiriye kwegurirwa Imana." (**Ubutumwa ku basore, p. 191**).

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Waba uri umunyeshuri? Ufite abo mwigana, abanyeshuri bagenzi bawe bari mu cyiciro cya mbere cya kaminuza n'uburere bwiza? Uratahura ko ibyo ugomba gutanga - ubutumwa bwiza - bufite agaciro karenze impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi iyo ariyo yose ishobora gutangwa ku isi? ESE abo mwigana bazi ko uri umukristo, umudivantisite w'umunsi wa kalindwi? Birashoboka ko warangije

amashuri kera cyane. Mbese uracyashyikirana nabo cyangwa mufitanye ubucuti n’abo mwahoze mwigana?

Imana iraguhamagara.Waba uri umunyeshuri mu kigo cya gikristo cyangwa cya Leta, kugira ngo ube umucyo kuri bagenzi bawe mwigana. Waba ushyikirana nabo kuri terefone, ku murongo wa interinete (kubera icyorezo cya covid-19) cyangwa imbona nkubone, rabagirana umucyo ukomoka kuri Yesu!

Niba uri umubyeyi, wahamagariwe gufasha abana wawe ubereka uko bakundana bakagira urukundo nk’urwa Yesu n’uburyo bwo kubwiriza ubutumwa bwiza.

Mbese ntiwahitamo uyu munsi kugira ngo ube umumisiyoneri ku bantu bo mu kigo wizemo, uhagararirye Yesu kubo mwiganye / kubo mubana ubu n’abo mu gihe kizaza?

## RAPORO ZO GUSHIMA

• Imana ishimwe kuba yaratanze ubutunzi butabarika, akazi n’inkunga kuri benshi muri iki gihe cy’icyorezo cya covid-19.

• Joel B. (Soma: Yoweli B) yaravuze ati: Jye n'umugore wanjye twasuye abana bacu mu bihugu byunze ubumwe by’abarabu.Kubera icyorezo cya covid-19 twagumyeyo kandi twese twaranacyanduye.Abantu badusengeye amasengesho menshi. Twese usibye umugore wanjye twarakize. Ndacyashimira Imana kubw’ubuyobozi bwayo. Izi ibyiza bidukwiriye mu muryango wacu.

• M.A.: Ku ya 9 Kamena nabyutse saa mbiri za mu gitondo,umugabo witwaje imbunda yahagaze mu cyumba cyanjye aho jye n’abana banjye twari turyamye. Yavuze ko azica abana banjye. Twagize ubwoba ariko ndamubwira nti "Mu izina rya Yesu genda!" Imana yumvise gutaka kwanjye, umugabo agenda atatugiriye nabi. Imana irakiranuka

• Lindinkosi N. yaravuze ati: Ku mugoroba w’umunsi wa 80 (umunsi wo gukira uburwayi), ubuzima bwa murumuna wanjye bwagendaga tuburebesha amaso yacu. Umuvuduko w'amaraso we wari hejuru kandi umutima we warateraga cyane. Yaratengurwaga, adahumeka neza kandi ubuzima bwe bwari bumeze nabi umunota ku munota. Twahise tumuha agace ka tungurusumu n'igice cy'ikiyiko cya Puwavuro yo mu bwoko bwa Kayene yashongeye mu mazi. Twahise dupfukama turasenga kandi turangije gusenga, umuvuduko w'amaraso wari umaze kuba mwiza, yari yaretse guhinda umushyitsi kandi umutima we ntiwari ugitera mu buryo bwihuse. Twabonye Imana ikora igitangaza cyo ku mukiza mu minota 10!

• Rodel L. (Soma: Rodeli L.): Mu gihe cya guma mu rugo, umugore wanjye yatekereje gutegura umushinga w’uburyo bwo kujya ahunika ibyo kurya. Twateganije gutangirana n’amakarito 30 gusa y’ibyo kurya ariko Imana yarabiduhaye ndetse irushaho kubitubura cyane, bituma dushobora gufasha imiryango itishoboye yo mu itorero ryacu ndetse n’abaturage mu mezi akurikiraho. Imana yacu ihabwe icyubahiro!

## IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira ishuri ryanyu, abarimu, na bagenzi bawe mwigana. Saba guhagarara gitwari nk’umukristo wakiriye Yesu.Saba Imana ngo iguhe agahe ko kumenyesha Yesu abanyeshuri mwigana.Niba utakiri mu ishuri, Saba Imana ikwereke uburyo bwo kugeza ubutumwa kubo mwiganaga.
2. Gusabira umurimo w’Imana muri kaminuza za leta ku isi yose.Sabira abanyeshuri b’abadiventisite b’umnsi wa kalindwi bigamo n’abarimu kugira ngo bitangire uyu murimo wo kugeza ubutumwa ku isi yose hifashishijwe ibigo by’amashuri.

3. Gusabira umusaruro mwinshi w'abantu biyeguriye Imana uturutse ku ruhare rw'ibyiciro byose byo mu itorero uturutse ku butumwa bwagiye butambukira ku murongo wa interineti muri iki gihe cy'icyorezo cya covid-19.
4. Gusabira abagore bose bo ku isi yose basamye inda bari hafi kubyara abana babo.Saba Imana ngo babone umutekano kandi ngo ibakingire virusi ya COVID-19.Basabire bazabyare abana bazima. Saba ngo bagire igikuriro cyiza no kugira ngo bazavemo abakozi bakomeye bazakorera Yesu.
5. Gusabira igihugu cyacu cy'u Rwanda ,abaganga, Abaforomo, abashinzwe umutekano, abayobozi bakuru, n'abanyarwanda bose kugira ngo Imana ihagarike iki cyorezo cya COVID-19, Saba kugira ngo buri wese yumve ko bimureba gufataniriza hamwe kukirwanya twumvira amabwiriza yashyizweho

# Umunsi wa 98 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatanu w'isabato, 2 Nyakanga 2020

## Nzajya… mu mujyi mbarizwamo.

"Kandi umurwa nategetse ko bazabajyanamo muri imbohe muzawushakire kuba amahoro, muwusabire ku Uwiteka . . ." **(Yeremiya 29: 7)**

"Akamaro ko gushaka uburyo bwo kubwiriza ubutumwa mu mijyi karacyari imbere yanjye".Hashize imyaka myinshi Uwiteka aduhamagarira iyi nshingano, nyamara tubirebesha amaso ariko ugereranije hamaze gukorwa bike mu mijyi minini ituwemo n'abaturage benshi. Niba tudakoze uyu murimo mu buryo bwagenwe, Satani azarushaho guteza ingorane tutazabasha gutsinda. Turi inyuma cyane mu gukora umurimo wakagombye kuba warakozwe mbere muri iyi mijyi tutagiye twitaho. Umurimo uzarushaho gukomera kuruta uko wari uri mu myaka mike ishize ariko

tugomba guharanira kuwuzamura mu izina ry’Uwiteka. Inzitizi zose zatuma utajya mbere azazikuraho kandi intsinzi izagerwaho izaba iyacu.

**(Ministry to the Cities, p. 25)**

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Umugabane munini w’abantu utuye mu mujyi. Mu gihe tugomba gusaba Imana kutwereka igihe cyo kuzimukira mu cyaro, ntitugomba kwirengagiza umurimo ukenewe gukorerwa mu mijyi. Miliyari nyinshi z’abantu bari gufatirwa mu mutego wo kutagira ibyiringiro ahubwo bagahitamo kwiyahuza ibiyobyabwenge, urusaku, ibirangaza no kubaho bya kinyamujyi.

Saba Imana ngo iguhe umutwaro wo gukora umurimo mu mujyi. Ahari birashoboka ko iri kuguhamagarira gutangiza "ikigo cy’ibwirizabutumwa" Ni buryo ki bwo gukora umurimo utanga inyungu ariko unashaka uburyo wakiza imitima ya benshi bazimiriye mu mijyi yo ku isi yose? Ese Imana yaba iguhamagarira wowe n’itorero ubarizwamo gukora imishinga binyuze mu byiciro bitandukanye by’itorero, kugira ngo bigeze ubutumwa ku batuye mu mijyi yose yo ku isi? Ni kuki utasaba Imana ngo ikwereke uburyo bwiza buboneye bwo kugeza ubutumwa ku bantu bose batuye mu mujyi ubarizwamo?

## RAPORO ZO GUSHIMA

• Tanga L.: Mu rwego rwo kugaruza iminsi yo kwiga amashuri ya leta ya Afurika y’amajyepfo, byatumye guverinoma izamura iminsi yo kwiga iba itandatu harimo n’umunsi w’isabato. Konferance ya Iniyo yo muri Afurika y’epfo irasaba Leta kwemerera abanyeshuri b’abadivantisiti kubakomorera kutiga ku isabato.Leta yakiriye neza icyifuzo cyabo ibaha uburenganzira bwo kutiga ku isabato. Turashimira Imana kuba yarumvise amasengesho yacu!

• Dalmas O. (Dalimasi O.): Dushimire Imana Ishobora byose kuko ari iyo kwizerwa ku masezerano yayo! Nkora nk'umubwiririshabutumwa ibitabo mu gihugu cya Kenya.Nabonye imigisha y'Imana muri iki gihe cy'icyorezo cya covid-19. Umurimo nkora warazamutse guhera mu kwezi kwa Werurwe.

• Amanda M.: Nagiye mvugana n'abasirikare bo muri Amerika mu karere karimo intambara. Ndimo gufatanya nabo iminsi 100 y'amasengesho kandi ndabona Imana iri gukorera mu mitima yabo n'ibyemezo bafata aho bakorera.

• Umuntu utivuze izina: Igihe cyose nibuka ko Papa yari umunywi w'inzoga. Nk'umuryango twagiye dusaba Imana ngo imubature muri ubwo bubata kandi rwose yarabikoze! Data nawe yitabira iminsi 100 y'amasengesho ndetse yari ashishikariye no kuyobora isengesho!

• Twakiriye raporo z'abana bato bitabira cyane amateraniro yo gusenga ku isi yose! Imana ishimwe ko Umwuka wayo ari gukorera muri bo!

## IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Sabira umujyi wawe utuyemo n'imijyi yo hirya no hino ku isi igenda ihinduka Sodomu na Gomora. Saba Imana ngo igufashe, ifashe umuryango wawe n'itorero ryanyu mu gushyiraho ibigo bibwiriza ubutumwa, ibyiciro n'uburyo butandukanye bwo kugera kuri miliyari z'abantu batuye mu mijyi bazimiriye mu mwijima.
2. Gusabira ubuhunikiro bw'ibiryo bwo muri Lativiya bwashyizweho n'umuhanga Mileniya waretse akazi yakoraga agahitamo gukora akazi gahoraho yise"Umurimo wo kubwiriza ubutumwa".Saba Imana ngo ihire uyu murimo,kurushaho gushyikirana n'abo duturanye no gufasha abafite inzara n'inyota y'ibyo kurya bizabaha ubugingo bw'iteka.Sabira ibigo byose

bibwiriza ubutumwa byo ku isi yose.Saba gufasha Abadiventiste benshi batangiye umurimo wo kubwiriza ubutumwa.

3. Gusabira inzu icuruza umutobe yo muri Ogideni muri Utahi yatumye urubyiruko rwaho rwakira ubutumwa bwiza. Basabire kugira ngo bakomeze kugera ku ntsinzi no kugira ngo uyu murimo urusheho gukwira ku isi yose.
4. Gusabira ivuriro rya Viburenti ndetse n'irindi bita Welinesi ryo muri Bangalore ho mu Buhinde ritanga imiti karemano y'indwara zidakira nk'umuvuduko w'amaraso, umubyibuho ukabije na diyabete. Saba Imana ngo ibasukeho Umwuka wayo wera ku bakozi kugira ngo urukundo rwayo ruzakorere muri bo ngo rugere no ku bantu babagana.

# Umunsi wa 99 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatandatu, 3 Nyakanga 2020

## Nzajya… ku batuye isi yose.

"Nuko mbona marayika wundi aguruka aringanije ijuru, afite ubutumwa bwiza bw'iteka ryose ngo abubwira abari mu isi, bomu mahanga yose n'imiryango yose n'amoko yose" (Ibyahishuwe 14: 6)

"Imana irashaka kuguha mu kuboko kumwe ufate kwizera kandi ukomeze gufata ukuboko kwayo gukomeye, naho mu kundi kuboko kwawe ufate urukundo kandi ugere ku bantu bose bagiye barimbuka. Kristo niwe nzira, ukuri n'ubugingo. Nimumukurikire. Ntukayoborwe na kamere ahubwo uyoborwe na mwuka. Ugende nk'uko Yesu yagendaga. Ibi ni ubushake bw'Imana, ndetse ni no kwezwa kwawe. Umurimo ugomba gukora ni ugukora ibigendanye n'ubushake bw'Imana yo irinda ubugingo bwawe kugira ngo uyiheshe ikuzo. Niba wihugiraho mu byo ukora, ntacyo

uzamarira Imana. Igihe cyose ugirira abandi neza, ukizinukwa ukagira umwete wo kwiyegurira Imana muri byose, uzemerwa nayo kandi usesekazweho ubuntu bwayo bwinshi. ” (**Testimonies, Vol. 2, p. 170)**

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Abadiventisti b'umunsi wa karindwi bafite umwihariko udasanzwe-ni ubuhanuzi buhamagarira kwamamaza ubutumwa bw'abamarayika batatu ku isi yose mu guteguza abantu kwitegura kugaruka kwa kabiri kwa Yesu. Ubu butumwa dushobora kubuvuga mu ncamake muri ubu buryo: 1) Imana ni Umuremyi wawe, iragukunda kandi iragushaka. Ntiwakwemera kwakira impano yayo y’ubuntu kandi ni na yo mucamanza uzakuburanira. 2) Iyi si kimwe n’ibiyiriho birwanya Imana byarangiritse, ntabwo byizewe kandi ni isi yaguye. Shyira kwizera kwawe mu Mana yonyine 3) Satani, nyirabayazana w’urupfu rwose, umubabaro, kwikunda, ububabare n’icyaha.Abantu bose bemera ibinyoma bye bazarimbuka vuba kugira ngo ubutabera n’urukundo rwayo bisubizwe mu isi.Abamaze kwizera urukundo rw’umukiza wacu Yesu Kristo bazakizwa by’iteka ryose ndetse bazanahindurwa bashya babe abantu bagaragaza urukundo rutikanyiza rukomoka ku Mana.

Mbese urifuza gukora uko ushoboye kwose kugira ngo ugeze ubutumwa bwiza ku bagiye kurimbuka bo ku isi yose ubereka urukundo rw'Imana, ubutumwa bwo kwihana, agakiza n’urubanza? Mbese urifuza kuba umucyo nk’uko Kristo amurikira isi icuze umwijima? Mbese uzahagarara, ubeho, uvuge, wite ku bantu, uheshe umugisha, ugire urukundo kandi ukomera kucyo umwuka w’ubuhanuzi uvuga ku bigomba kuranga itorero ry’abadiventisite b’umunsi wa kalindwi?

Niba kandi utari umudiventiste w’umunsi wa kalindwi, waba wifuza kuza mu itorero ry’Imana ryo mu bihe biheruka, ukajya mu mazi ukabatizwa kandi ukiyegurira gukora umurimo wa Yesu?

## RAPORO ZO GUSHIMA

• J.S.: Imana yagiye ikora ibitangaza mu gusubiza amasengesho yacu. Abantu bagiye babaturwa, Imana ibatsindira imbaraga z'badayimoni n'ubupfumu kandi benshi bakize indwara zo mu by’umwuka no n’iz’umubiri.

• Viviana H.(Soma:Viviyana H.): Dushimire Uwiteka ko muri iyi minsi 100 y’amasengesho Yadufashije gutangiza gahunda y’amatsinda mato mu ngo zacu dufatanije n’abo duturanye kandi batangiye kumenya Yesu. (N.B: uyu ushima si uwo mu Rwanda kuko tutaremererwa guterana n’abo duturanye).

• Chadwick A. (Soma: Shaduwike A.): Umwana wanjye w'umuhungu yari hafi yo gupfa azize kubura umwuka. Umutima we watangiye gutera cyane ku buryo atashoboraga guhumeka akanya na gato. Twese twagize ubwoba dutangira gushaka icyo gukora, hanyuma nza kwibuka ko turi mu minsi 100 y'amasengesho.Nasomye gahunda y’uwo munsi (ndebye kuri Yesu), maze ndasenga, ninginga Imana kugira ngo imukize.Imana yampaye kwizera gutuje ko umwana wanjye atazapfa. Twashoboraga gukora ibishoboka ngo tumwongerere umwuka ariko nihahandi ntiyagarura ubuzima ariko nyuma y’iminota 15 yahise atangira guhumeka. Amaherezo twamujyanye mu bitaro aho bashoboraga kumwitaho. Imana ishimwe kuko Yamukijije.

• T.E.: Nagize umugisha cyane mu minsi 100 y’amasengesho. Nasengeraga musaza wanjye wari umaze imyaka 7 yarataye Imana n'umuryango we. Ntiyigeze aboneka mo mu birori by'ubukwe bwanjye igihe nashyingirwaga. Ariko ku bw’ igitangaza,

musaza wanjye yagarutse mu rugo muri iki gihe cy’iminsi 100 y’amasengesho. Yatuye ibyaha bye none ubu yiyemeje kwitangira byimazeyo umurimo w'Imana!

• Orusoso A.:Mu gihe cy’iminsi 100 y’amasengesho, njye n’umugabo wanjye twasabye Uwiteka gukoresha imitima yacu,imiryango yacu n’inshuti zacu kugira ngo tugire abo dufasha mu gihe cy’icyorezo cya covid-19.Nubwo mu kwezi kwa Werurwe mu gihe cya guma mu rugo umurimo wanjye uzana inyungu wagize ibibazo,ntibyatubujije kugira abo dufasha bafite ibibazo muri icyo gihe. Mu ntangiriro z'iki cyumweru, nagerageje gusuzuma imari yanjye.Nasanze n’ubwo amafaranga yose yakoreshejwe buri munsi, fagitire zabazwe ndetse no gutera inkunga abandi, imari yanjye ntiyigeze ihungabana nubwo nari mfite ubwoba. Imana ishimwe!

## IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusaba Imana ngo igufashe wowe n'umuryango wawe kurushaho kumva neza ubuhanuzi n’umurimo itorero ry’abadivantisite bahamagariwe nk' uko buri mu byahishuwe 14.
2. Gusaba Imana ngo iduhe umutima ufite ubushake bwo kujya mu murimo, waba uwaho ukorera cyangwa mu mahanga.
3. Gusabira abantu bose bakirwaye icyorezo cya covid-19. Basabire gukira no guhagarika iki cyorezo.
4. Gusabira ivuriro rigendanwa ry’ i San Francisco ryashyizwe ku mutungo w’itorero kugira ngo ritange ubufasha bw’amenyo n’ubuvuzi bw’amaso, wongeyeho no kwipimisha ku buntu. Saba Imana ngo ihe umugisha abarwayi bakire indwara z’umubiri n’iz’iby’umwukaa.
5. Gusabira abantu bahagaritse icyemezo cyabo cyo kubatizwa. Basabire kugira ngo bakunde Kristo kandi bafate icyemezo gihamye cyo kumwiyegurira.

# Umunsi 100 - Kwibanda ku masengesho - Isabato, 4 Nyakanga 2020

## Nzagenda… ngere ku mpera z'isi

"Icyakora muzahabwa imbaraga umwuka wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpamya i Yerusalemu n'i Yudaya yose n'i Samariya no kugeza ku mpera y'isi." **(Ibyakozwe 1: 8)**

"Nuko Yesu arabegera avugana nabo ati"Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'umwana n'Umwuka wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose.Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi.'' (Matayo 28: 18-20)

"Iyo nshingano Kristo yahaye abigishwa be, natwe yarayiduhaye. Turasabwa ngo tugende nk'intumwa za Kristo, twigishe, tubwirize, twemeze abagabo n'abagore ubutumwa bwiza, tubashishikarize kwakira Ijambo ry'Imana ritanga ubugingo. Kandi ntidukwiriye kugira ubwoba kuko natwe dufite ubwishingizi twahawe n'Umukiza wacu. Ingorane zose dushobora guhura na zo n'ibigeragezo byose bigambiriye kudukoma mu nkokora, dukwiriye guhangana na byo kandi tukabitsinda, kuko isezerano ryiza kandi ridahinduka Kristo yahaye intumwa ze natwe ni iryacu, turarihorana. Aratubwira ati, "Dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi." **(Ivugabutumwa, p.15).**

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Yesu yahamagariye ubwoko bwe kwamamaza ubutumwa bwiza kugera ku mpera z'isi kandi kugeza ku mperuka y'isi ubwo Kristo Yesu azaba agarutse. Ntacyo dukwiye gutinya igihe cyose tuzaba turi mu murimo we. Ubutware bwose ni ubwe! Umwuka we ari kumwe natwe.Niwe utuyoboye kandi niwe uduha imbaraga.Mbega ikintu cyiza cyo kugira Yesu, We mubwiriza butumwa mukuru w'isi yose ukorana natwe kugeza ku mperuka, hirya no hino y'isi!

Nk'uko wanyuze muri iyi minsi 100 y'amasengesho, nk'uko wowe n'umuryango wawe mwagize ibihe byiza by'ububyutse, reka umucyo twaboneyemo we kuzazima, ahubwo winjire mu bikorwa by'urukundo rutikanyiza, ufite ubushake, ubwitange, ukunda bagenzi bawe n'umurimo wo kubwiriza ubutumwa. Ibi ntibizaguha gusa ububyutse buhoraho ahubwo bizatuma hanaboneka benshi ukiriza imitima ukaberekeza kuri Yesu kandi ukagira ubuzima bwuzuye!

Mbese urifuza gutera iyi ntambwe ikurikira yo kwiyegurira Yesu? Ugatanga ubuzima bwawe bwose kugira ngo wiyegurire gukora umurimo w'Imana, aho uri hose kandi aho aguhamagariye kujya hose, ukiringira ko ubuntu bwayo buguhagije mu ngorane zose ubasha guhura nazo? Mbese ntiwahitamo ubu kuba umuntu utajya mu rusengero gusa ahubwo ukaba n'umuntu ugera no ku mpera z'isi, ngo ugire abo wakiriza ubugingo bakabwegurira Yesu?

Imana iguhe umugisha mu gihe ukomeza kugendana nayo, kuzageza ku mperuka y'isi no kuzageza ku mperuka y'amateka! Maranata!

## RAPORO ZO GUSHIMA

• Sheri A.yaravuze ati: Twatangiye gushinga amatorero ahantu hitwa Osaka mu Buyapani. Nyuma y'umwaka umwe, twari tutarabona umuntu n'umwe uza gusenga cyangwa kwiga ibyigisho bya Bibiliya. Twahisemo kwitabira gahunda y' iminsi 100 y'amasengesho kandi cyane by'umwihariko twafashe igihe cyo kwiyiriza ubusa no gusenga dusaba Mwuka Wera mu kwezi kwa Gicurasi.Ako kanya, Uwiteka yatuyoboye ku bantu bashakanye bari bari mu nzu yacururizwagamo bifuzaga kuza mu itorero gushaka Imana. Uwo mwanya bahise bifuza kwiga ibyigisho bya Bibiliya. Kubera iki cyorezocya covid-19, ntibakoraga, ku buryo twiganaga ibyigisho by Bibiliya buri munsi kandi bakitabira igihe cyo kuramya.Nanone umwe mubo duturanye nawe yatangiye kuza mu rusengero. Ibyo byatumye twikuba kabiri mu kuza gusenga ku isabato, kandi itorero rito ryatangiye gukura! Imana ishimwe!

• N.S.: Uruhare rwanjye mu masengesho y'iminsi 100, nsezeranye kujya nsengera abantu bose duturanye buri gitondo .Imana yadufunguriye imiryango y'aho tubasha gutanga ibyigisho bya Bibiriya ku bantu baherutse gushakana kandi biteguye kubatizwa mu gihe ibibujijwe bivanyweho! Uko najyaga guha aba bantu bashakanye vuba ibyigisho bya Bibiliya, undi mugore washakanye n'umugabo w'umuyisiramu akaba ari umucuruzi nawe yasabye ibyigisho bya lndetse n'umuhungu we w'imyaka 18.Yahise atumira mubyara we nawe ahita afata icyemezo cyo kujya asengana natwe.Muri iki gihe ntashobora gutegereza kubatizwa kubera imibereho yo guhindura akamenya ukuri yumvise. Imana iri ku murimo wayo!

Uburengerazuba bwa iniyo ya Kongo: Kuva dutangiye gahunda ya twese hamwe mu murimo, twagize ikibazo cyo gushyiraho amatsinda mato mu turere twinshi twa Kinshasa. Kuva icyorezocya covid-19 cyatangira, cyahatiye amatorero manini gufunga kandi cyemerera gufungura amatorero yo mu ngo. Kugeza ubu, dufite amatorero arenga 200 yo mu ngo. Ni ahantu hatuwe ariko ukaba utahabona

umudiventisite n’umwe. Aya matorero yo mu ngo yagize uruhare mu ivugabutumwa kandi abantu 82 biyeguriye Umwami Yesu.Iminsi 100 y’amasengesho yashimangiye umushyikirano hagati y’amatorero yo mu ngo no gukura mu by’umwuka kw’abana b’Imana.

• Viviana H. (Soma: Viviyana H.) yaravuze ati: Dushimire Uwiteka ko muri yi minsi 100 y’amasengesho yatubashishije gutangiza itsinda rito mu rugo hamwe n’abaturanyi bacu none batangiye kumenya Yesu. Binyuze muri ADRA twashoboye gukomeza gufasha abaturage b’impunzi za Venezuwela ziri muri Kolombiya hifashishijwe serivisi z'ubuzima.

• Imana ishimwe kubwa raporo zo gushima nyinshi cyane zatanzwe zikaba zaratugezeho. Imana yahinduye mu by’ukuri iki cyorezo cya covid-19 mo imigisha yo guhimbaza Imana hirya no hino ku isi.Imana yahinduye iki cyorezo cya covid-19 mo imigisha ku isi yose mu gihe ubwoko bwayo buciye bugufi bugasenga!

## IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusaba ngo hakomeze kubaho ububyutse binyuze mu gukomeza umurimo wo kubwiriza ubutumwa kandi dukiranuka kuzageza ku iherezo ry’amateka. Saba ngo haboneke imvura y’umuhindo ndetse n’iy’itumba kugira ngo umurimo urangire.
2. Gusabira umurimo itorero ryahamagariwe kugira ngo ukomeze kujya mbere (kandi n’iyo byaba biruhije) ngo ubutumwa bubashe kugera aho butaragera hirya no hino ku isi nk’ibihugu biri hagati y’imirongo miganda hagati ya dogere ya 10 n’iya 40 twavugamo nka Koreya y'amajyaruguru, Uburasirazuba bwo hagati n'ibindi.

3. Gusabira ibyifuzo byose byo gusabirwa bitavuzwe n’ibyo tutabashije kubagezaho mwatwoherereje.
4. Gusabira kugaruka vuba kwa Yesu Kristo.AMEN
5. Gusabira abarwayi barwaye COVID-19 bari mu bitaro bya Kanyinya na Nyamata, Basabire kugira ngo bakire.